**REPUBURIKA Y'U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE RWA NGOMA**

**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'itatu, ukwezi kwa gatatu, umunsi wa cumi n'itandatu;

Twebwe NTUNGANE HAKIZA James, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Ngoma, dufashijwe na UWITONZE Emmanuel, Umwanditsi muri urwo rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Ngoma bwaregeye Urukiko uwitwa NTEZIRIZAZA Jean Claude mwene BAHUTIRAHO na MUKAKAYIBANDA Pricilla, Wavutse tariki ya 01/01/1999, ubarizwa mu Rwanda, Intara y'iburasirazuba, Akarere ka Ngoma, Umurenge wa Sake, Akagari ka Rukoma, Umudugudu wa Irebero;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha bwaregeye Urukiko ikirego N° RP 00079/2021/TGI/NGOMA bukurikiranyeho NTEZIRIZAZA Jean Claude icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake, icyaha gitegenywa n'ingingo ya 121 y'itegeko no:68/2018 ryo kuwa 30/08/2018 mu itegeko riteganya ibyaha n'ibihano muri Rusange;

Tumaze kubona ko NTEZIRIZAZA Jean Claude yatorotse ubutabera mbere y'uko dosoye ye iregerwa urukiko nk'uko bigaragazwa na raporo n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze yemeje ko uregwa NTEZIRIZAZA Jean Claude yatorotse, Ubushinjacyaha bwamukoreye dosiye bumurega nk'uwatorotse ubutabera;

Dushingiye ku ngingo ya 160 n'iya 161 z'itegeko N° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya ko Uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse NTEZIRIZAZA Jean Claude kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma mugihe cy'Ukwezi kumwe (1), akazitaba ku wa 16/03/2023 saa tatu za mugitondo kugira ngo aburane urwo rubanza aregwamo n'ubushinjacyaha, atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko;

Dutege ko iki cyemezo kimanikwa ahabugenewe ku Rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa kuri website y'Urukiko rw'Ikirenga ariyo www.judiciary.gov.rw .

NI UKO ICYEMEZO GIFASHWEKANDI GISOMEWE MU RUHAME NONE WA 16/02/2023.

**UMUCAMANZA:** **UMWANDITSI:**

**NTUNGANE Hakiza James** **UWITONZE Emmanuel**